**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'URUBYIRUKO,**
**UMUCO NA SIPORO**
**B.P. 1044 KIGALI**
**TEL : (250) 8 3527**
**FAX : (250) 8 3518.**

# *RAPORO Y'URUZINDUKO RW'INTUMWA Z'U RWANDA MU BUSHINWA ZAYOBOWE NA BWANA FARANSISIKO NGARAMBE, MINISITIRI W'URUBYIRUKO, UMUCO N'IMIKINO. 17-26 MATA 1999.*

---

## *I. Ijambo ry'ibanze*

Ku butumire bwa mugenzi wanjye Minisitiri w'Umuco w'igihugu cy'Ubushinwa wari warantumiye gusura igihugu cye muri Mata uyu mwaka, jye n'intumwa nari nyoboye ari zo :

- Bwana David NYANSHAYIJA, Umuyobozi w'Urubyiruko muri Minisiteri y'Urubyiruko, Umuco n'Imikino ;

- Bwana BUTOTO Yohani, Umuyobozi w'Ishami Umurage Gakondo muri Minisiteri y'Urubyiruko, Umuco n'Imikino, twagize uruzinduko muri icyo gihugu cy'Ubushinwa kuva tariki ya 17 kugeza ku ya 26 Mata 1999. Muri icyo gihugu nagiranye imibonano na bamwe mu bayobozi bakuru ba Guverinoma y'Ubushinwa ndetse nsura ibikorwa bimwe na bimwe by'amajyambere byabera igihugu cyacu urugero rwiza.

Nasuye kandi bimwe mu biranga Amateka n'Umuco bituma aho hantu haba ubukerarugendo buzanira inyungu nyinshi icyo gihugu.

Urwo ruzinduko twagiriye muri icyo gihugu rwabereye i Beijing, umurwa mukuru wacyo, Henan (Province), intara iri hagati mu gihugu, ndetse n'i Luo Yang (Arrondissement), kamwe mu turere tugize intara ya Henan.

## *II. Ibiganiro n'abayobozi banyuranye i Beijing.*

Jye n'intumwa nari nyoboye tukigera i Beijing tariki ya 19 Mata 1999, twatangiye kubonana na bamwe mu bayobozi bakuru barimo Abaminisitiri, Visi-Perezida w'Urwego rw'Ishyaka rya Gikomunisiti ry'Abashinwa (National Committee Chinese People's Political Consultative), Abayobozi bakuru b'ishyirahamwe ry'urubyiruko ndetse n'Abayobozi b'ibigo ndangamuco bitandukanye. Ibyo byose byabaye ku wa mbere tariki ya 19, ku wa kabiri tariki ya 20 no ku wa gatatu tariki ya 21 Mata 1999.

### *II.1. Ku wa mbere tariki ya 19 Mata 1999.*

***Umubonano na Hu QILI, Visi-Perezida w'Urwego rw'Ishyaka rya Gikomunisiti ry'Abashinwa/National Committee Chinese People's Political Consultative Conference.***

Kuri iyi tariki ari nawo munsi twageze i Beijing, nyuma ya saa sita twabonanye na Bwana Hu QILI, Visi-Perezida w'Urwego rw'Ishyaka rya Gikomunisiti ry'Abashinwa ari hamwe na Minisitiri w'Umuco, Abayobozi bakuru bo muri ruriya rwego rw'ishyaka n'abo muri Minisiteri y'Umuco. Ikiganiro cy'uwo mugoroba kibanze ku bucuti buri hagati y'u Rwanda n'Ubushinwa bugaragarira cyane cyane mu butwererane n'inkunga igihugu cyacu cyagiye kibona kuva muri za 1970 nyuma y'uko ibihugu byombi bigiranye umubano ushingiye kuri za Ambasade muri 1971.

Ikiganiro n'uwo Muyobozi kibanze ku ngingo zikurikira :

a) ***Mu rwego rwa politiki*** :

Visi-Perezida w'Urwego rw'Ishyaka rya Gikomunisiti ry'Abashinwa Bwana Hu QILI afata ijambo yatwifurije kumererwa neza mu gihugu cye iminsi yose tuzahamara.

Nyuma yashimiye u Rwanda uburyo rugaragaza ubucuti rufitanye n'Ubushinwa, aha akaba yaribukije uruzinduko rw'Abayobozi bakuru b'u Rwanda barimo Nyakubahwa Visi-Perezida wa Repubulika n'urwa Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda bagiriye mu gihugu cye.

Yishimiye uburyo u Rwanda nyuma y'itsembabwoko n'itsembatsemba byo muri 1994 rugerageza gukemura ibibazo n'ingaruka zaryo mu bumwe n'ubwoроherane. Ibi yari abivugiye mu byo bumva ngo mu Rwanda ibyo byose byatewe n'ibibazo by'amoko. Aha, yerekanye ko igihugu cye nacyo cyigeze guhura n'intambara z'amoko ariko bakaba barashoboye kubibonera umuti, yavuze ko nubwo igihugu cye gifite amoko mato menshi, icyo kibazo cyarashaje, ubu Abashinwa bose bagendera ku murongo umwe wa politiki wo kubaka no guteza imbere igihugu cyabo.

Ku bijyanye n'icyo kiganiro cyo mu rwego rwa politiki, namubwiye ko u Rwanda rwo n'ubwo rwahuye n'ibyago by'itsembabwoko n'itsembatsemba ariko ko rwo rutagira amoko menshi. Namusobanuriye ko u Rwanda rutuwe n'ubwoko bumwe" Abanyarwanda" buhuje ururimi, umuco, imigenzo, imiziririzo n'ibindi. Nanabasobanuriye yuko ibyatubayeho ari ingaruka za politiki mbi y'abakoloni bashatse gucamo abanyarwanda ibice kugira ngo babone uko babategeka. Naberetse n'ukuntu ingoma zaje gukurikiraho nazo zaje zitwaje inda aho gukorera abanyarwanda bagakorera ababashyizeho (ba bakoloni) no guhaza inda zabo, bibagirwa inyungu z'abaturage.

Aho igihugu cyacu kiviriye mu marorerwa y'itsembabwoko n'itsembatsemba byo muri Mata-Nyakanga1994, twagaragaje ko Ubushinwa butahwemye kudushyigikira, aha tukaba twaravuze nk'icyemezo cy'Inama y'Umuryango w'Abibumbye ishinzwe umutekano kw'isi cyo gukuraho ibihano byo kutagurisha intwaro k'u Rwanda; icyemezo cyo gushyiraho Urukiko Mpuzamahanga k'u Rwanda, n'ibindi. Aho hose uruhare rw'Ubushinwa rukaba rwaragaragaye. Nkaba narabibashimiye.

Nakomeje mubwira y'uko u Rwanda rushyigikiye ndetse ruzakomeza gushyigikira Ubushinwa bumwe (Une Chine) ku buryo uduce twabukuweho n'abakoloni twabusubizwa. Namumenyesheje ko u Rwanda rwishimiye ko MACAO izasubizwa Ubushinwa mu mpera z'uyu mwaka. U Rwanda rwizera kandi ko na TAYIWANI yazasubira kuba imwe mu ntara z'icyo gihugu nk'uko byahoze.

Nongeyeho ko u Rwanda rwishimiye imivugururire mu rwego rwa politiki n'urw'ubukungu (réforme) yakozwe n'Ubushinwa ubu bukaba bugeze mu rwego rushimishije nkuko uyu muyobozi yabintangarije.

Ku bijyanye n'ishyaka ryo muri icyo gihugu cye yatubwiye ko mu gihe habonetse ikibazo runaka, ishyaka rifite uruhare runini mu gufasha Leta mu kugishakira igisubizo. Aha yatanze urugero rw'igihe igihugu cye cyaterwaga n'imyuzure muri 1998 avuga ishyaka ryagize uruhare mu kurwanya imyuzure, mu gutabara no mu gufasha abari basizwe iheruheru n'ibyo byago.

### *b) Mu rwego rw'ubukungu*

Muri uru rwego Visi-Perezida, Bwana Hu QILI yatubwiye ko igihugu cye cyikemurira ibibazo, ariko bitabujije ko habaho ubutwererane n'ibindi bihugu. Yavuze ko abashinwa bafata iya mbere mu kwikemurira ibibazo bibugarije. Yavuze ko n'ubwo nko muri 1993 amafaranga yabo yari yataye agaciro kangana na 23% ati kubera gushyira hamwe no gukora, bageze

aho ubu ifaranga ryongeye kuzamuka kandi ko ubu bakinguye amarembo bafatanya n'amasosiyete yo mu mahanga anyuranye.

Namugejejeho ukuntu u Rwanda rwishimiye ubutwererane hagati y'ibihugu byacu byombi, ubutwererane bwatumye ubukungu n'imibereho y'abaturage irushaho kumera neza : aha namubwiye nk'uruganda rukora ciment (CIMERWA), Ishuri ry'Ubuhinzi n'Ubworozi ry'i Ntendezi, Ibitaro bya Kibungo, imihanda itari mike, n'ibindi, byose byakozwe mu rwego rw'ubutwererane hagati y'u Rwanda n'Ubushinwa.

U Rwanda rwishimiye u rwego Ubushinwa bugezeho mu by'ubukungu kandi bwo butarigeze gukoloniza igihugu icyo ari cyo cyose, nk'uko ibihugu byinshi bikize byabikoze.

Twashoje ikiganiro mbwiye Bwana Hu QILI, Visi-Perezida, ko u Rwanda rwifuza ko ubutwererane hagati y'ibihugu byacu byombi bwarushaho gutera imbere, bugashora imizi mu nzego zitandukanye, nawe abyakira neza.

### *II.2. Ibiganiro na Bwana Bayin CHAOLU, Perezida w'Impuzamashyirahamwe y'Urubyiruko rw'Ubushinwa (All China Youth Federation).*

Ku itariki ya 19 twakiriwe na Bwana Bayin CHAOLU, Perezida w'Impuzamashyirahamwe y'Urubyiruko rw'Ubushinwa. Mu kiganiro twagiranye yatugaragarije ko Ubushinwa, igihugu cye nta Minisiteri yitwa iy'Urubyiruko, avuga ko ahubwo urubyiruko rwose ruhurira mu mashyirahamwe yarwo, yibumbiye mu mpuzamashyirahamwe ku rwego rw'igihugu.

Yishimiye cyane uruzinduko rw'intumwa z'u Rwanda, avuga ko n'ubwo ubutwererane hagati y'ibihugu byombi ari bwiza ko buzarushaho gutera imbere, n'inzego z'urubyiruko zikagerwaho, cyane cyane ko urubyiruko arirwo ngufu n'amizero y'igihugu icyo ari cyo cyose.

U Rwanda rwifuje ukuntu urubyiruko rwacu rwakura isomo k'urubyiruko rw'Ubushinwa mu kurema inzego zarwo, mu kwisungana no mu guhuriza hamwe ingufu zarwo.

Kubera ko uyu mwaka Ubushinwa buzizihiza umwaka ugira mirongo 50 wa Repubulika ndetse n'ugira mirongo 50 Impuzamashyirahamwe y'Urubyiruko ishinzwe, aho insanganyamatsiko y'uyu mwaka igira iti : "Urubyiruko n'ikinyejana cya 21", Perezida w'iyi Mpuzamashyirahamwe ry'urubyiruko yavuze ko urubyiruko rw'u Rwanda ruzatumirwa muri iyo mihango kugira ngo rwigire hamwe na bagenzi babo ibyababafasha bikanabateza imbere.

Bwana Bayin CHAOLU, Perezida w'Impuzamashyirahamwe y'Urubyiruko rw'Ubushinwa, yifuje ko hagaragazwa vuba umushinga w'ibitekerezo n'umurongo w'ubutwererane hagati y'Urubyiruko rw'ibihugu byacu byombi .

**II. 3. *Umunsi wa kabiri tariki ya 20 Mata 1999***

***Ibiganiro na Bwana Cui JINXUN, Umuyobozi Mukuru w'Ishuri ryigisha imbyino n'imihamirizo (Académie de Danse).***

Amaze kutubwira amavu n'amavuko y'iryo shuri ryigisha imbyino, rimaze imyaka 45 rishinzwe, Umuyobozi Mukuru waryo yatubwiye ko ubu rifite ibyiciro bikurikira : Amashuri abanza, amashuri yisumbuye ndetse na kaminuza. Yatubwiye ko kaminuza yo kubyina ifite amashami atandatu, kandi ko uharangirije atabura akazi nkuko benshi babikeka. Mu kwiga kubyina no guhamiriza babifatanya n'inyigisho z'ubundi bumenyi bwigishwa mu mashuri asanzwe.

Icyatunejeje muri icyo kigo n'uko imbyino ari ishami kimwe n'ayandi aboneka ahandi kandi ko abarihisemo bakigishwa hakiri kare, ni ukuvuga bakiri bato kugeza aho bagera mu rwego rwa kaminuza basohoka ari abantu bakenewe mu mirimo y'ubuzima busanzwe.

### *II. 4. Gusura Inkike y'Ubushinwa (la Grande Muraille de Chine).*

Nyuma ya saa sita zo ku wa 20 Mata 1999 twasuye inkike y'u Bushinwa (la Grande Muraille de Chine). Ikintu cy'ingirakamaro twasanze aho n'uko Abashinwa bita cyane ku hantu hose haranga amateka yabo. Iyo nkike yubatswe mu gihe cy'Abami b'Abami (Empereurs) b'Abashinwa. Ubu ni hamwe mu hantu hinyaburanga hasurwa cyane, hakagira uruhare mu kuzanira igihugu inyungu.

### *II. 5. Ibiganiro na Minisitiri w'Imikino Bwana WU SHAOZU.*

Tukiva gusura iyo nkike twagiranye umubonano na Minisitiri w'Imikino w'u Bushinwa, Bwana WU SHAOZU wishimiye nawe umubano n'ubutwererane buri hagati y'Ubushinwa n'u Rwanda. Uwo Minisitiri yifuje ko ubwo butwererane bwaba no mu rwego rw'imikino.

Nyuma yo kumwibutsa ubutwererane bwahoze mu rwego rw'imikino, nko kutwubakira Stade Amahoro no gusurana kw'amashyirahamwe y'imikino, nasabye ko Ubushinwa bwadufashiriza amashyirahamwe y'imikino, budufashisha ibikoresho, abatoza, amahugurwa n'ibindi.

Yanyemereye kuzasuzuma nk'inshuti umushinga wuzuye baduteramo inkunga, bigacishwa ku bahagarariye ibihugu byombi.

### *II.6. Tariki ya 21 Mata 1999<br>Ibiganiro na Bwana SUN JIA ZHENG, Minisitiri w'Umuco.*

Amaze kwishimira ukuntu twitabiriye ubutumire bwo gusura igihugu cye, mugenzi wanjye Minisitiri w'Umuco yaciye muri make inzego zishinzwe Umuco mu gihugu cye n'uburyo zikora. Yagarutse na none ku ruzinduko Nyakubahwa Perezida wa Repubulika na Visi-Perezida wa Repubulika y'u Rwanda bagiriye mu Bushinwa, urugendo rwashimangiye umubano mwiza n'ubutwererane hagati y'ibihugu byacu byombi.

Yishimiye ukuntu ibihugu byacu byombi byashoboye kwigobotora ingoyi z'abakoloni. Ati : "N'ibisare tukivura nabyo bizarangira".

Yavuze ko kuva 1971 aho ibihugu byombi bigiranye umubano ushingiye kuri za Ambasade, ubutwererane bwagaragaye hagati y'ibihugu byacu byombi mu rwego rw'Umuco. Aha yatanze urugero rw'Itorero ry'igihugu cye ryasuye u Rwanda ndetse n'iry'u Rwanda rikaba ryarasuye u Bushinwa. Yifuje ko twakomeza ubwo butwererane mu rwego rw'umuco hagati y'ibihugu byacu byombi bwatangiye muri 1983 n'ubwo bwari bwaradindiye kuva muri 1990.

Ni muri uru rwego, rimwe mu matorero y'igihugu cye riteganya gusura u Rwanda mu kwezi kwa Kamena n'iry'Igihugu cyacu rikaba ritumiwe mu Bushinwa mu kwezi kwa Nzeli uyu mwaka.

Yatugaragarije agaciro Leta ye iha urwego rw'umuco, avuga ko umuco ariwo musemburo w'amajyambere ahamye kandi arambye. Aha yavuze igihugu cye ko gifite amatorero 2600, za Kaminuza zishinzwe iby'umuco 30, amashuri yisumbuye ashinzwe iby'umuco 110 na serivisi zishinzwe umuco 87 muri z'Ambasade z'Ubushinwa.

Yifuje ko ubutwererane hagati y'Ubushinwa n'u Rwanda mu by'umuco bwarushaho gusugira bukazanatwinjiza mu kinyejana cya 21. (21ème siècle).

Mfata ijambo, nagaragaje ko Igihugu cyanjye kishimiye ukuntu Ubushinwa butuzirikana bukadutumira gusura icyo gihugu kugira ngo ubutwererane hagati y'ibihugu byacu byombi burusheho gushimangirwa.

Twaberetse ukuntu abakoloni mubyo bangije iwacu batangiriye ku muco, aho ibituranga byose byabaye ibishenzi. Niyo mpamvu dufite byinshi byo gukora birimo kugarukira umuco washenywe ukanacyendera.

Twasabye Ubushinwa kudutera inkunga mu rwego rw'umuco kugira ngo umuco tuwugire koko isoko y'amajyambere ahamye.

Nifuje ko Abanyarwanda babona amahugurwa mu by'umuco. Aha mugenzi wanjye Minisitiri w'Umuco w'Ubushinwa yavuze ko bizigwa n'impande zombi binyujijwe mu nzira y'ubutwererane.

Tuganira na mugenzi wanjye Minisitiri w'Umuco, twarebeye hamwe ukuntu mu Rwanda hakubakwa Ingoro Ndangamuco y'Ubushinwa n'u Rwanda aho Abanyarwanda n'Abashinwa bajya bahurira bakaganira, bagatarama, bakiyereka mu rwego rwo kugarukira umuco nyarwanda.

Minisitiri SUN yambwiye ko bazabitekerezaho n'ubwo bitoroshye kubera impamvu z'imari. Ariko yavuze ko babikoze mu bihugu by'Afurika, nko muri Bénin no ku Kirwa cya Maurice.

Mu gusoza ikiganiro, Minisiteri y'Umuco ayobora yatanze inkunga ingana n'ibihumbi ijana (100.000) by'amafaranga akoreshwa iwabo mu Bushinwa (yuan) akazagura ibikoresho byo mu mirimo ijyanye n'Umuco.

Mbere y'uko twerekeza mu Ntara ya Henan, twasuye inzu z'Abami bo mu Bushinwa (Cité interdite). Icyo twabonye gitangaje n'uko izo nzu n'ubwo ari iza kera, kubera ubuhanga zubakanye zisurwa buri munsi n'abantu benshi cyane, baba abashinwa, baba n'abanyamahanga ku buryo igihugu kihungukira cyane, bityo wa muco wabo twavugaga bakaba bawubyaza umusaruro.

## *III. Tariki ya 22/04/1999*
## *Uruzinduko mu Ntara ya Henan.*

Ku mugoroba wo ku wa 22/04/1999 twafashe urugendo twerekeza mu Ntara (province) ya Henan iri hagati mu gihugu.

### *III.1. Tariki ya 23/04/1999*

Mbere ya saa sita, tariki ya 23/04/1999, jye n'intumwa nari nyoboye, twasuye ibigo bitandukanye by'imikino birimo :
- Ikigo cyo kumasha (Centre de Tir)
- Ikigo cya Tennis de Table (Ping Pong).

Umuyobozi w'ikigo "Centre de Tir" twaganiriye yatubwiye ko uwo mukino wo kuboneza bawiga bakiri bato bityo ukaba isomo kimwe n'ayandi n'ubwo bitabujije y'uko nyuma y'amasaha abiri cyangwa se atatu biga n'izindi nyigisho rusange. Uko ni ko bigenda no mu Kigo kigisha wa mukino wa "Tennis de Table", ishami ryihariye ry'ishuri ryigisha imikino.

Nyuma ya saa sita twasuye Ingoro y'Umurage y'iyo Ntara (Musée Provincial de Henan). Umuyobozi w'iyo Ngoro Bwana ZHANG WENJUN, yatubwiye ko irimo ibintu 1930, byinshi muri byo bikaba ari ibintu byataburuwe biranga amateka yabo birimo :
- Imbonera y'amazu n'ingoro z'Abami (Maquettes Architecturales des Empereurs morts).

Muri iyi Ngoro hahoraho imurika ry'ibikoresho bya kera bikozwe mu : imiringa, amabuye.
Hari n'igice kerekana igihe cya kera cy'inyamaswa za "Dinosaures", hakaba n'igice kerekana ibikoresho by'iki gihe.

### *III.2. Tariki ya 24/04/1999*

#### *Ibiganiro na Guverineri w'Intara ya Henan, Bwana LI KE QIANG.*

Mu biganiro twagiranye n'Umuyobozi (Guverineri) w'Intara ya Henan, Bwana LI KE QIANG, yabanje kutwifuriza ikaze mu ntara ayobora anatubwira ko ari intara ifite amateka akomeye kubera y'uko ariyo Ntara y'Ubushinwa ifite abaturage benshi ikaba izwiho kuba isoko y'Umuco w'Ubushinwa.

Yavuze ko urugendo rwacu muri iyo ntara ruzatuma turushaho kumenyana no gufatanya.

Ku manywa y'uwo munsi twerekeje mu karere (Municipalité) ka Luo Yang. Aho twasuye Ingoro ya "Shao-Lin" y'idini rya Bouddhisme. Ubu yabaye ikirangirire mu rwego rw'ubukerarugendo. Ibyo bituma igihugu kinjiza amafaranga menshi.

Tuyobowe n'Umuyobozi w'iyo Ntara Bwana LIU DIAN LI twasuye ubuvumo, aho Abashinwa babazaga ku rutare amashusho y'Abami n'ibikomangoma byabo, ibikoresho byabo ndetse n'imana zabo. Uburyo buhanitse bwakoreshejwe mu gutunganya ubwo buvumo no gushushanya ku rutare bituma hasurwa n'abantu amagana n'amagana buri munsi ari nako igihugu kihungukira.

Nyuma yaho kandi twasuye Ingoro ndangamurage (Musée Municipal) y'ako karere. Umuyobozi w'iyo Ngoro yatubwiye ko iyo Ngoro ibitsemo ubutunzi gakondo bwo muri ako karere by'umwihariko n'ubwo mu Ntara yose muri rusange.

Mbere y'uko dusubira i Beijing, twasuye Uruganda rukora imodoka ntoya n'inini : imashini zihinga, izikora imihanda. Mu kiganiro twagiranye n'Umuyobozi w'urwo ruganda Bwana DONG Yong An, yatubwiye ko ari rwo ruganda rukomeye mu gukora biriya bikoresho mu gihugu cyose.

Muri icyo kiganiro twagiranye, twamweretse ko uruganda nka ruriya rwabona isoko mu Rwanda no mu karere dutuyemo. Yabyakiriye neza, avuga ko batangiye gushyira uruganda muri Côte d'Ivoire.

Umugoroba w'uwo munsi twasubiye i Beijing aho bwakeye tugaruka ino mu Rwanda.

## *IV. Umwanzuro.*

Urugendo twakoreye mu Bushinwa rwabaye ingirakamaro. Muri rusange, rwatubereye urugendo-shuri.
Mu rwego rwa politiki :

- Kubona imbaraga zishyaka rya politiki ziyobora igihugu
- Nashoboye kubona Urwego rw'Imyumvire Ishyaka ryagejeje ku Bashinwa ku buryo réforme/reforms mu rwego rw'ubukungu n'ahandi zakirwa vuba bidahungabanije inzego z'ubutegetsi.

Inzira Abashinwa bahisemo "Economie socialiste de Marché à la Chinoise" nkuko babyivugira iragenda ibahira.

Mu rwego rw'ubutwererane :

Ku birebana n'Umuco, Siporo n'Amashyirahamwe y'Urubyiruko, imitunganyirize y'ibikorwa n'imirimo (organisation) muri izi nzego iri hejuru kandi uyisangana ubushobozi kuri buri rwego rw'ibanze rw'ubutegetsi bw'igihugu.

Nubwo tutari ku nzego zimwe, Abashinwa bangaragarije ubushake, ibikorwa bifatika bikazategurwa biciye mu nzira zisanzwe z'ubutwererane.
Icyangaragariye kindi ni uko mu biganiro ukuramo ko igihe cy'impano nini cyarangiye. Ubu ni ugukorana n'Abashinwa : Business, Joint Ventures cyangwa izindi nzira zaganirwaho.

# RAPORO Y'INAMA INTUMWA ZA MIJESPOC ZAGIRANYE NA BWANA WANG ZHISHU, UMUJYANAMA MURI AMBASADE YA REPUBULIKA IHARANIRA RUBANDA Y'UBUSHINWA/KIGALI.

Mu rwego rwo kwitegura kwakira Itorero ry'Ubushinwa, "Les marionnettes" rizasura u Rwanda kuva tariki ya 15 kugeza ku ya 23 Kamena 1999, intumwa za MIJESPOC zigizwe na :

1. BUTOTO Yohani, Umuyobozi w'Ishami "Umurage Gakondo"
2. RANGIRA Yozefu , Umukozi mu Buyobozi bw'Imikino
3. UMUTONI Christine, Umunyamabanga wa Minisitiri, twakoranye inama kuri uyu wa kabiri tariki ya 11/05/1999 na Bwana Wang ZHISHU, Umujyanama muri Ambasade y'Ubushinwa i Kigali. Iyo nama yabereye muri Ambasade y'Ubushinwa itangira saa yine n'iminota icumi.

Ku murongo w'ibyigwa hari ingingo imwe: Kwitegura no kurebera hamwe ibikenewe bya ngombwa mu kuzakira abo bahanzi b'igihugu cy'Ubushinwa.

Atangiza inama, Bwana Wang ZHISHU yatubwiye ko agiye kutugezaho ibyo amaze kumenya kuri iryo torero ry'igihugu cye bityo ibisigaye tukarebera hamwe uburyo twazabakira ndetse n'ibindi bya ngombwa byakenerwa :

- Nk'ahantu imikino yabera
- Gutegura gahunda iboneye, n'ibindi.

Mu byo yatugejejeho, Bwana Wang yatubwiye ko iryo torero rigizwe n'abantu 16 barimo abadamu (abakobwa) 13 n'abagabo (abasore) 3.

- Yavuze ko bateganya kugera i Kigali tariki ya 15/6/1999 saa kumi na cumi n'itanu (16h15') bakazasubirayo tariki ya 23/6/1999 saa mbiri (8 h00')
- Yavuze ko ategereje vuba imyirondoro yabo ndetse na za numero za Passeports zabo.
- Yifuje ko bacumbikirwa neza mu buryo budahenze cyane nko muri Hoteli (Hôtel) Windsor UMUBANO cyangwa ahandi heza haboneka atari muri Mille Collines aho bishyura 155 $ US ku muntu kandi buri munsi.

- Yifuje ko byaba byiza mu gihe bacumbikirwa mu buryo bukurikira :
    - 6 chambres doubles pour 12 personnes
    - 3 chambres simples pour 3 personnes
    - 1 chambre avec salon pour 1 personne ( iyi yaba iy'uyoboye iryo torero kuko byaba ngombwa ko yakira abantu cyangwa se agakoresha akanama k'abo ayoboye).
- Yavuze ko ibikoresho iryo torero rifite bipima kg 550 na $m^3$ 4, byose bikaba biri mu bisanduku (colis)12. Ibi akaba yarabivugiye kugira ngo tuzabimenyeshe ababishinzwe kuri Aéroport hakiri kare.

**Icyitonderwa**: Iyo mitwaro ntirimo ibikapu (bagages) byabo.

- Icyifuzo cy'abo bakinnyi ni uko bajya bakina rimwe ku munsi kandi umukino ukamara isaha n'iminota cumi ( 1h 10').
- Bakina kabiri ari ku wa gatandatu no ku cyumweru gusa.
- Umujyanama muri Ambasade y'Ubushinwa Bwana Wang yifuje ko habaho gufungura kumugaragaro imihango (cérémonies d'ouverture) y'imbyino izamara icyumweru abahanzi b'igihugu cye bari mu Rwanda. Uko gufungura kumugaragaro bikazakorwa na Nyakubahwa Minisitiri w'Urubyiruko, Umuco n'Imikino afatanije na Ambasaderi w'Ubushinwa mu Rwanda.
-Yifuje na none ko haba umusemuzi uzi neza ururimi rw'Icyongereza n'igifaransa, tukaba twabasabaga uzi neza icyongereza kuzatwunganira.

Twamubwiye ko urugendo rw'itorero ry'igihugu cye mu Rwanda tumaze kubitekerezaho. Tukaba dushakisha :
- Hôtel bazacumbikamo
- Imodoka zizabatwara
- Ahantu imikino izabera, n'ibindi.

**Icyitonderwa**: Twumvikanye ko bishobotse basohoka rimwe bagakinira kuri Kaminuza y'u Rwanda muri Perefegitura ya Butare.

Inama yarangiye twumvikanye ko tuzongera guhura tariki ya 18/5/1999.

**BUTOTO Yohani**
**RANGIRA Yozefu**
**UMUTONI Christine**

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'URUBYIRUKO,**
**SIPORO N'UMUCO**
**<u>B.P. 1044 KIGALI</u>.**

## IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MINISITIRI W'URUBYIRUKO, SIPORO N'UMUCO YAVUZE YAKIRA ITORERO RY'UBUSHINWA (14-23/6/1999).

---

Nyakubahwa,

Banyakubahwa,

Banyacyubahiro muri hano,

Bahanzi,

Nshuti z'u Rwanda.

Nkuko namwe mubyirebera, duteranirijwe hano twese no kwakira ndetse no kureba imikino y'Itorero ry'Igihugu cy'inshuti cya Repubulika Iharanira Rubanda y'Ubushinwa. Imikino n'Imyidagaduro y'aba babyeyi, inkumi ndetse n'aba basore ibera mu gihugu cyacu iragaragaza ubutwererane bwiza buri hagati y'ibihugu byacu byombi muri rusange no mu rwego rw'umuco by'umwihariko.

Murabizi mwese, Ubushinwa ni igihugu kizwi mu kugira amateka meza mu by'umuco, umuco gakondo wabwo. Kuri ubu ni kimwe mu bihugu byo ku isi bifite za Kaminuza nyinshi zishinzwe Umuco kuko zigera kuri ~~mirongo itatu (30)~~. Ibyo babikoreye kugira ngo bafatishe yombi, basagasire ndetse banateze imbere umuco wabo we kuzabacika.

Sinabibabwira murabizi namwe. Ubushinwa ni kimwe mu bihugu byakunze kudutera ingabo [mu bihugu] mu bihe byinshi ~~no~~ mu bikorwa bitandukanye. Aha twatanga ingero nk'Uruganda rukora sima (CIMERWA) i Cyangugu, ibitaro bya Kibungo, imihanda myinshi yo muri iki gihugu, ikibuga cy'umupira (Stade Amahoro) n'ibindi. Ibyo bikorwa by'amajyambere byose tubikesha ubutwererane n'igihugu cy'Ubushinwa. Kuri none icyo gihugu kikaba cyatwoherereje ~~abahanzi~~ ba kimwe mu matorero ~~ya~~ akigize, "les marionnettes de Chengdu" ryo mu ntara ya Sichuan kugira ngo batwereke imikino yabo, yo anjyereka, l'expression y'umuco wabo.

Kubera umubano wihariye u Rwanda rufitanye n'igihugu cy'Ubushinwa, igihugu cyacu ni kimwe mu bihugu bitanu by'Afurika iri torero rizasura.

Nkaba nifurije aba bakinnyi ikaze mu Rwanda no kumererwa neza iminsi yose bazahamara. Bityo namwe mwese mwateranijwe no kureba imikono yabo nkaba mbasaba gukomeza kubyitabira muri benshi.

Murakoze.

~~badusurutse~~

Tubarebereho ~~natwe~~ kugira ngo natwe dutande kandi dukungahaze umuco ~~wabu~~ nyarwanda, turusheho twamamara aho tugera hose. ~~Abatubona bose~~ ntudutere isoni ahubwo uduteze ishema. ~~ribatubaga aho turi twabaziane ko ya ibakane ko turi~~

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**MINISITERI Y'URUBYIRUKO,**
**SIPORO N'UMUCO**
**B.P. 1044 KIGALI.**
**TEL : (250) 8 3527**
**FAX : (250) 8 3518.**

11/8/1999
DCA
Att: Butoto

**URUZINDUKO RW'ITORERO RY'U RWANDA MU BUSHINWA.**

Ku wa gatanu tariki ya 6 Kanama 1999, Bwana Wang ZHISHU, Umujyanama muri Ambasade y'Ubushinwa i Kigali yari yaje kutureba ku bijyanye n'uruzinduko rw'itorero ryacu mu Bushinwa, atubwira kubagezaho ibi bikurikira :

1. Ubushinwa bwishimiye igisubiza cyanyu cyiza , kuko itorero ry'u Rwanda rizajyayo.

2. Amatariki yarahindutse : Minisiteri y'Umuco y'igihugu cye yifuje ko iryo torero ryazajyayo mu ntangiriro z'ukwezi kwa cumi na kumwe aho kuba mu kwa cyenda nkuko byari biteganyijwe.

3. Iyo Minisiteri ngo itegereje vuba amazina y'abahanzi ndetse n'abazaba babayoboye;

4. Itegereje na none :
   a) Amafoto y'imikino y'itorero rizabasura;
   b) Cassettes Vidéo y'iryo torero
   c) Gahunda y'uburyo bakina : ni ukuvuga igihe bamara bakina umukino umwe n'imikino bakina muri rusange ku munsi.
   d) Amazina y'imbyino bazabyina.

5) Kubijyanye n'igihe ngo nta gihindutse, n'ibyumweru bibiri.

Nyakubahwa Minisitiri, mbohereje ku mugereka w'iyi nyandiko, ibaruwa iri mu rurimi rw'igishinwa, yanditswe na Minisitiri w'Umuco w'igihugu cye yasobanuragamo aya magambo.

Bikorewe i Kigali, ku wa 10/8/1999.

**BUTOTO Yohani**
Ishami ry'Umurage Gakondo.